# 68: Nta bwo nkwiye kujya niganyira

1.

Nta bwo nkwiye kujya niganyira,
Nibaz' ukw ejo nzaba merewe.
Nzajya nibuka yukw Ihoraho
Imeny' ibyo byos' uko bingana.
Ifit' umutima w'urukundo
Kukw ijy’ intungish' ibinkwiriye.
Umunezero n'umubabaro
Byos' abi nzaniramw amahoro.

2.

Amba hafi ndetse buri munsi,
Kand' angerer' ubuntu bukwiye.
Ajy'i anyikorerer'imitwaro
Ni we Data kandi ni we Mana!
Nguk' ukw ajy' antunga buri munsi,
Ajy'anda mira mur' ibyo byose.
Buri muns' azajy' amp' imbaraga
Iryo n'isezera no yampaye.

3.

Mana yanjye, komez' ujy' umfasba
Ngutaramire ntez' icy' umbwira.
Mpore nizey' ijambo wambwiye
Sinka bure ku mbaraga zawe.
No mu bikomeye birih' ubu
undamburir'amaboko yawe.
ump’imbaraga ku buntu bwawe
kugeza igihe uzaza kunjyana.